

# REPUBULIKA Y'U RWANDA



## URUKIKO RWISUMBUYE RWA

### GASABO

**ICYEMEZO GITEGEKA UWIHISHE CYANGWA UWATOROTSE UBUTABERA KWITABA URUKIKO RWISUMBUYE RWA GASABO.**

Umwaka wa 2022 umunsi wa 14 w' ukwezi kwa Ukwakira;

Twebwe UWERA Immaculee, umucamanza mu Rukiko Rwisumbuye rwa Gasabo, dufashjwe n'umwanditsi warwo UWANTEGE Mariane;

Tumaze kubona ko Ubushinjacyaha ku Rwego Rwisumbuye rwa Gasabo bwaregeye Urukiko Rwisumbuye rwa Gasabo uwitwa NIYOBUHUNGIRO Fidel mwene RUGENWANAYO Elie na MUKAKALISA Vestine utuye mu gihugu cy'u Rwanda, Intara y'Iburasirazuba, Bugesera, Ngeruka, Nyakayenzi, warezwe nk'uwihishe ubutabera, ukurikiranyweho icyaha cyo gusambanya umwana, icyaha gitenywa kandi kigahanishwa n'ingingo ya 4 y'itegeko n° 69/2019 ryo ku wa 08/11/2019 rihindura itegeko n° 68/2018 ryo kuwa 30/08/2018 riteganya ibyaha n'ibihano muri rusange

Tumaze kubona ko ikirego cy'Ubushinjacyaha gifite nimeru 00090/IPRL GASA/2021/FM/JM cyageze mu rukiko kuwa 18/03/2021 12:41 cyandikwa kuri RP 00306/2021/TGI/GSBO;

Tumaze kubona ko NIYOBUHUNGIRO Fidel atitabiriye iburanisha ry'urubanza ryo ku wa 13/13/2022 kuko yarezwe nk'uwihishe ubutabera, urubanza iburanisha ry'urubanza yarezwemo n'Ubushinjacyaha ryashyizwe tariki ya 23/02/2023 09:00 saa mbiri za mugitondo kugira ngo ahamagazwe nkuwatorotse ubutabera;

Dushingiye ku ngingo ya 160 n'ya 161 z'itegeko n° 027/2019 ryo ku wa 19/09/2019 ryerekeye imiburanishirize y'imanza z'inshinjabyaha iteganya uko uwihishe cyangwa

uwatorotse ubutabera ahamagazwa, no ku ngingo ya 162 iteganya uko acirwa urubanza iyo atitabye;

Dutegetse NIYOBUHUNGIRO Fidel kwitaba Urukiko Rwisumbuye rwa Gasabo kuwa 23/02/2023 09:00 kugira ngo aburane urubanza rwavuzwe haruguru aregwamo n'Ubushinjacyaha, natitaba hazemezwa ko yasuzuguye amategeko, acirirwe urubanza adahari;

DUTEGETSE ko iki cyemezo kimanikwa ahabigenewe mu Rukiko Rwisumbuye rwa Gasabo kinatangazwa ku rubuga rw'ubutegetsi bw'ubucamanza [www.judiciary.gov.rw](http://www.judiciary.gov.rw) no ku mbuga nkoranyambaga arizo@Rwanda Judiciary(Tweeter) na Supreme court of Rwanda (Facebook) .

Iki cyemezo gitangira gukurikizwa umunsi cyafashweho.

Bikorewe i Gasabo ku munsi, Ukwezi n'Umwaka byavuzwe haruguru.

Se

**Immaculee UWERA**

**UMUCAMANZA**

Se

**Mariane UWANTEGE**

**UMWANDITSI**